



Umwaka wa 64
Igazeti ya Leta n° 34 Bis yo ku
wa 25/08/2025

Year 64
Official Gazette n° 34 Bis of
25/08/2025

64^{ème} Année
Journal Officiel n° 34 Bis du
25/08/2025

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

Iteka rya Minisitiri/ Ministerial Order/ Arrêté Ministériel

Iteka rya Minisitiri n° 005/MoE/25 ryo ku wa 25/08/2025 ryerekeye imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere 2

Ministerial Order n° 005/MoE/25 of 25/08/2025 relating to air pollutant emission 2

Arrêté Ministériel n° 005/MoE/25 du 25/08/2025 relatif à l'émission des polluants atmosphériques 2

ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/MoE/25 RYO KU WA 25/08/2025 RYEREKEYE IMYUKA IHUMANYA YOHEREZWA MU KIRERE <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Ibirebwa n’iri teka <u>UMUTWE WA II:</u> IYUBAHIRIZWA RY’URUGERO NTARENGWA RW’IMYUKA IHUMANYA YOHEREZWA MU KIRERE <u>Ingingo ya 4:</u> Amabwiriza y’ubuziranenge akurikizwa <u>Ingingo ya 5:</u> Inshingano z’utunze cyangwa uyobora igikoresho cy’ubwikorezi gikoreshwa na moteri gisohora imyuka	MINISTERIAL ORDER N° 005/MoE/25 OF 25/08/2025 RELATING TO AIR POLLUTANT EMISSION <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Order <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Scope of application <u>CHAPTER II:</u> COMPLIANCE WITH POLLUTANT EMISSION LIMITS <u>Article 4:</u> Applicable standards <u>Article 5:</u> Obligations of the owner or driver of an emission-generating motorised means of transport	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 005/MoE/25 DU 25/08/2025 RELATIF À L’ÉMISSION DES POLLUANTS ATMOSPHÉRIQUES <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>Article 3 :</u> Champ d’application <u>CHAPITRE II :</u> RESPECT DES LIMITES D’ÉMISSION DE POLLUANTS <u>Article 4 :</u> Normes applicables <u>Article 5 :</u> Obligations du propriétaire ou du conducteur d’un moyen de transport motorisé générateur d’émissions
--	--	--

<u>Ingingo ya 6:</u> Ibyo utunze cyangwa ukoresha imashini ikoresha ibikomoka kuri peteroli agomba kubahiriza	<u>Article 6:</u> Obligations of the owner or operator of a machine using petroleum products	<u>Article 6 :</u> Obligations du propriétaire ou de l'opérateur d'une machine utilisant des produits pétroliers
<u>Ingingo ya 7:</u> Ibisabwa ku mapikipiki atumizwa mu mahanga	<u>Article 7:</u> Requirements for importation of motorcycles	<u>Article 7 :</u> Exigences pour l'importation des motocycles
<u>Ingingo ya 8:</u> Ubugenzuzi bw'ibikoresho by'ubwikorezi bikoreshe na moteri	<u>Article 8:</u> Inspection of motorised means of transport	<u>Article 8 :</u> Inspection des moyens de transport motorisés
<u>Ingingo ya 9:</u> icyemezo cy'isuzuma	<u>Article 9:</u> Inspection certificate	<u>Article 9 :</u> Certificat d'inspection
<u>Ingingo ya 10:</u> Amafaranga yishyurwa ku isuzuma	<u>Article 10:</u> Inspection fees	<u>Article 10 :</u> Frais d'inspection
<u>UMUTWE WA III:</u> GUSABA, GUTANGA NO GUKORESHA URUHUSHYA RWO KOHEREZA IMYUKA IHUMANYA IKIRERE	<u>CHAPTER III:</u> APPLICATION, ISSUE AND USE OF AIR POLLUTANT EMISSION PERMIT	<u>CHAPITRE III :</u> DEMANDE, OCTROI ET UTILISATION DU PERMIS D'ÉMISSION DE POLLUANTS ATMOSPHÉRIQUES
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibisabwa mu gusaba uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere	<u>Article 11:</u> Requirements of application for air pollutant emission permit	<u>Article 11 :</u> Conditions de demande d'un permis d'émission de polluants atmosphériques
<u>Ingingo ya 12:</u> Amafaranga atangwa mu gusaba uruhushya	<u>Article 12:</u> Application fees for the permit	<u>Article 12 :</u> Frais de demande du permis
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibishingirwaho mu gusuzuma ubusabe bw'uruhushya	<u>Article 13:</u> Criteria for assessing the application for permit	<u>Article 13 :</u> Critères d'évaluation d'une demande de permis
<u>Ingingo ya 14:</u> Gusubiza ubusabe bw'uruhushya rwo kohereza imyuka	<u>Article 14:</u> Response to the application for air pollutant emission permit	<u>Article 14 :</u> Réponse à la demande de permis d'émission de polluants

ihumanya ikirere		atmosphériques
<u>Ingingo ya 15:</u> Ibyo uwahawe uruhushya agomba kubahiriza	<u>Article 15:</u> Obligations of a permit holder	<u>Article 15 :</u> Obligations du titulaire du permis
<u>Ingingo ya 16:</u> Igihe uruhushya rumara	<u>Article 16:</u> Validity of the permit	<u>Article 16 :</u> Validité du permis
<u>Ingingo ya 17:</u> Gutesha agaciro uruhushya	<u>Article 17:</u> Permit cancellation	<u>Article 17 :</u> Annulation du permis
<u>Ingingo ya 18:</u> Imenyeshya ry'ihinduka rya nyir'igikorwa cyangwa ufite igikorwa	<u>Article 18:</u> Notification of the change of the owner or operator of an activity	<u>Article 18 :</u> Notification du changement du propriétaire ou de l'opérateur d'une activité
<u>Ingingo ya 19:</u> Ihinduka ry'igikorwa cyohereza imyuka ihumanya	<u>Article 19:</u> Change of a pollutant-emitting activity	<u>Article 19 :</u> Changement d'activité émettant des polluants
<u>Ingingo ya 20:</u> Amafaranga yishyurwa kubera kohereza imyuka ihumanya ikirere	<u>Article 20:</u> Fees for air pollutant emission	<u>Article 20 :</u> Frais pour l'émission de polluants atmosphériques
UMUTWE WA IV: KUMENYESHA IGIKORWA GIHUMANYA IKIRERE NO KUJURIRIRA IRYO MENYESHA	CHAPTER IV: NOTIFICATION OF AIR-POLLUTING ACTIVITY AND APPEAL AGAINST THE NOTIFICATION	CHAPITRE IV : NOTIFICATION D'ACTIVITÉ POLLUANT L'AIR ET LES VOIES DE RECOURS CONTRE CETTE NOTIFICATION
<u>Ingingo ya 21:</u> Imenyeshya ry'igikorwa gihumanya ikirere	<u>Article 21:</u> Notification of air-polluting activity	<u>Article 21 :</u> Notification d'activité polluant l'air
<u>Ingingo ya 22:</u> Kujuririra imenyeshya	<u>Article 22:</u> Appeal against notification	<u>Article 22 :</u> Recours contre la notification
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibikubiye mu idosiye y'ubujurire ku nyandiko imenyeshya igikorwa gihumanya ikirere	<u>Article 23:</u> Content of the appeal file against the notice of air-polluting activity	<u>Article 23 :</u> Contenu du dossier de recours contre la notification d'activité polluant l'air

<u>UMUTWE WA V: AMAKOSA N'IBIHANO</u> <u>Ingingo ya 24:</u> Kutubahiriza amabwiriza yerekeye imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere <u>Ingingo ya 25:</u> Gukora igikorwa gihumanya ikirere nta ruhushya <u>Ingingo ya 26:</u> Kutubahiriza amabwiriza yo kubungabunga ubwiza bw'umwuka <u>Ingingo ya 27:</u> Kutubahiriza amabwiriza yo guhagarika ibikorwa <u>Ingingo ya 28:</u> Kutubahiriza amabwiriza yo gukumira mu buryo bwihutirwa imyuka ihumanya ikirere <u>Ingingo ya 29:</u> Kubangamira ubugenzuzi <u>Ingingo ya 30:</u> Kutamenyekanisha iyoherezwa ry'imyuka ihumanya ikirere ritagambiriwe cyangwa ridaturutse ku bushake <u>Ingingo ya 31:</u> Ibyemezo bigamije gusubiza mu buryo ibyangijwe	<u>CHAPTER V: FAULTS AND SANCTIONS</u> <u>Article 24:</u> Violation of air-pollutant emission standards <u>Article 25:</u> Engaging in air polluting activity without permit <u>Article 26:</u> Violation of a compliance order related to preservation of air quality <u>Article 27:</u> Violation of an order to cease activities <u>Article 28:</u> Violation of orders for emergency prevention of the emission of air pollutants <u>Article 29:</u> Hindrance to inspection <u>Article 30:</u> Failure to report accidental or involuntary emission of air pollutants <u>Article 31:</u> Remedial measures	<u>CHAPITRE V : FAUTES ET SANCTIONS</u> <u>Article 24 :</u> Violation des normes d'émission de polluants atmosphériques <u>Article 25 :</u> Exercer une activité polluant l'air sans permis <u>Article 26 :</u> Violation d'un ordre de conformité relatif à la préservation de la qualité de l'air <u>Article 27 :</u> Violation d'un ordre d'arrêter les activités <u>Article 28 :</u> Violation d'un ordre de prévention d'urgence d'émissions de polluants atmosphériques <u>Article 29 :</u> Entrave à l'inspection <u>Article 30 :</u> Défaut de déclarer des émissions accidentelles ou involontaires de polluants atmosphériques <u>Article 31 :</u> Mesures correctives
---	---	--

<u>Ingingo ya 32:</u> Igihe cyo kwishyura ihazabu <u>Ingingo ya 33:</u> Inzego zifite ububasha bwo guca ihazabu <u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u> <u>Ingingo ya 34:</u> Ipikipiki iri mu Rwanda mu gihe iri teka ritangiye gukurikizwa <u>Ingingo ya 35:</u> Agaciro k'uruhushya rwatanzwe mbere y'uko iri teka ritangira gukurikizwa <u>Ingingo ya 36:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 37:</u> Ingingo ivanaho <u>Ingingo ya 38:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 32:</u> Fine payment period <u>Article 33:</u> Competent organs to impose fine <u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 34:</u> Motorcycle already in Rwanda on the date of entry into force of this Order <u>Article 35:</u> Validity of a permit issued before the entry into force of this Order <u>Article 35:</u> Language provision <u>Article 37:</u> Repealing provision <u>Article 38:</u> Entry into force	<u>Article 32</u> : Période de paiement de l'amende <u>Article 33</u> : Organes habilités à imposer l'amende <u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u> <u>Article 34</u> : Motocyclette déjà au Rwanda à la date d'entrée en vigueur du présent arrêté <u>Article 35</u> : Validité du permis délivré avant l'entrée en vigueur du présent arrêté <u>Article 36</u> : Disposition linguistique <u>Article 37</u> : Disposition abrogatoire <u>Article 38</u> : Entrée en vigueur
---	---	--

ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/MoE/25 RYO KU WA 25/08/2025 RYEREKEYE IMYUKA IHUMANYA YOHEREZWA MU KIRERE Minisitiri w'Ibidukikije; Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda; Ashingiye ku Itegeko n° 18/2016 ryo ku wa 18/05/2016 rigenga uburyo bwo kubungabunga ubwiza bw'umwuka no gukumira ihumana ry'ikirere mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9, iya iya 14, iya 21 n'ya 22; Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 02/2018 ryo ku wa 17/09/2018 ryerekeye imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere; Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 30/07/2025 imaze kubisuzuma no kubyemeza; ATEGETSE:	MINISTERIAL ORDER N° 005/MoE/25 OF 25/08/2025 RELATING TO AIR POLLUTANT EMISSION The Minister of Environment; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda; Pursuant to Law n° 18/2016 of 18/05/2016 governing the preservation of air quality and prevention of air pollution in Rwanda, especially in Articles 9, 14, 21 and 22; Having reviewed Ministerial Order n° 02/2018 of 17/09/2018 relating to air pollutants emission; After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 30/07/2025; ORDERS:	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 005/MoE/25 DU 25/08/2025 RELATIF À L'ÉMISSION DES POLLUANTS ATMOSPHÉRIQUES Le Ministre de l'Environnement ; Vu la Constitution de la République du Rwanda ; Vu la Loi n° 18/2016 du 18/05/2016 régissant la conservation de la qualité de l'air et la prévention de la pollution atmosphérique au Rwanda, spécialement en ses articles 9, 14, 21 et 22 ; Revu l'Arrêté Ministériel n° 02/2018 du 17/09/2018 relatif à l'émission de polluants de l'air ; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/07/2025 ; ARRÊTE :
--	---	---

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rigena – (a) uburyo n’ibisabwa kugira ngo ibikoresho by’ubwikorezi bikoreshe ibikomoka kuri peteroli byubahirize urugero ntarengwa rw’imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere; (b) ibisabwa n’uburyo bwo gusaba, gutanga no gukoresha uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere; (c) uburyo bwo kumenyesha ibikorwa bihumanya ikirere uwo bireba; (d) n’ibihano byo mu rwego rw’ubutegetsi ku kutubahiriza itegeko rigenga uburyo bwo kubungabunga ubwiza bw’umwuka no gukumira ihumana ry’ikirere mu Rwanda.	<u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order determines – (a) modalities and requirements for compliance with the permissible emission limits for means of transport using petroleum products; (b) requirements and modalities for applying, granting and using air pollutant emission permit; (c) modalities for notifying air-polluting activities to the person concerned; and (d) administrative sanctions for violations of the law governing the preservation of air quality and prevention of air pollution in Rwanda.	<u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté détermine – (a) les modalités et les exigences relatives au respect des limites d’émission admissibles pour les moyens de transport utilisant des produits pétroliers ; (b) les conditions et les modalités de demande, d’octroi et d’utilisation du permis d’émission de polluants atmosphériques ; (c) les modalités de notification des activités polluant l’air à la personne concernée ; et (d) les sanctions administratives pour les violations de la loi régissant la préservation de la qualité de l’air et la prévention de la pollution atmosphérique au Rwanda.
<u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura Muri iri teka:	<u>Article 2:</u> Interpretation In this Order:	<u>Article 2 :</u> Interprétation Dans le présent arrêté :

(a) “Akarere” bivuga akarere gafite ubuzimagatozi; (b) “Ikigo” bivuga ikigo cy'Igihugu gifite kurengera ibidukikije mu nshingano; (c) “uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere” bivuga uruhushya rutangwa n'Ikigo ku muntu ufite igikorwa cyohereza imyuka ihumanya ikirere kitubahirije amabwiriza y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka.	(a) “District” means a district with legal personality; (b) “Authority” means the national authority in charge of environmental protection; (c) “air pollutant emission permit” means a permit granted by the Authority to an operator of an air-polluting activity that does not comply with the air quality standards.	(a) « District » signifie le district doté de la personnalité juridique ; (b) « Office » signifie l'office national ayant la protection de l'environnement dans ses attributions ; (c) « permis d'émission de polluants atmosphériques » signifie un permis accordé par l'Office à un opérateur d'une activité polluante qui ne respecte pas les normes de qualité de l'air.
<u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri teka</u> Iri teka rireba – (a) ubwoko bwose bw'ibikoresho by'ubwikorezi bikoresha na moteri bisohora imyuka; (b) n'ibikorwa byemewe ariko bitubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka.	<u>Article 3: Scope of application</u> This Order applies to – (a) all types of emission-generating motorised means of transport; and (b) permissible activities that do not comply with air quality standards.	<u>Article 3 : Champ d'application</u> Le présent arrêté s'applique – (a) à tous les types de moyens de transport motorisés générateurs d'émissions ; et (b) aux activités admissibles qui ne sont pas conformes aux normes de la qualité de l'air.
<u>UMUTWE WA II: IYUBAHIRIZWA RY'URUGERO NTARENGWA RW'IMYUKA IHUMANYA</u>	<u>CHAPTER II: COMPLIANCE WITH POLLUTANT EMISSION LIMITS</u>	<u>CHAPITRE II : RESPECT DES LIMITES D'ÉMISSION DE POLLUANTS</u>

YOHEREZWA MU KIRERE <u>Ingingo ya 4:</u> Amabwiriza y’ubuziranenge akurikizwa Amabwiriza y’ubuziranenge akurikizwa ku birebana n’urugero ntarengwa rw’imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere n’ibikoresho by’ubwikorezi bikoreshwa na moteri bisohora imyuka ashyirwaho n’urwego rwa Leta rufite ubuzirange mu nshingano. <u>Ingingo ya 5:</u> Inshingano z’utunze cyangwa uyobora igikoresho cy’ubwikorezi gikoreshwa na moteri gisohora imyuka Umunze cyangwa uyobora igikoresho cy’ubwikorezi gikoreshwa na moteri gisohora imyuka cyangwa ugitwara agomba gufata neza icyo gikoresho cy’ubwikorezi hakurikijwe uburyo bwa tekini bwiza kugira ngo hubahirizwe ibipimo byemewe by’imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere. <u>Ingingo ya 6:</u> Ibyo umunze cyangwa ukoreshe imashini ikoreshe ibikomoka kuri peteroli agomba kubahiriza Umunze cyangwa ukoreshe imashini ikoreshe ibikomoka kuri peteroli agomba kwita kuri moteri yayo no gufata neza iyo mashini	<u>Article 4:</u> Applicable standards The emission limit standards for pollutants from emission-generating motorised means of transport are established by the State organ in charge of standards. <u>Article 5:</u> Obligations of the owner or driver of an emission-generating motorised means of transport The owner or driver of an emission-generating motorised means of transport is required to maintain the means of transport in accordance with the best technical practices to ensure compliance with permissible air pollutant emission limits. <u>Article 6:</u> Obligations of the owner or operator of a machine using petroleum products The owner or operator of a machine using petroleum products is required to service its engine and maintain the machine in	<u>Article 4 :</u> Normes applicables Les normes applicables aux limites d’émission des polluants provenant des moyens de transport motorisés générateurs d’émission sont établies par l’organe de l’État ayant la normalisation dans ses attributions. <u>Article 5 :</u> Obligations du propriétaire ou du conducteur d’un moyen de transport motorisé générateur d’émissions Le propriétaire ou le conducteur d’un moyen de transport motorisé générateur d’émissions est tenu de l’entretenir conformément aux meilleures pratiques techniques pour garantir le respect des limites d’émission de polluants atmosphériques admissibles. <u>Article 6 :</u> Obligations du propriétaire ou de l’opérateur d’une machine utilisant des produits pétroliers Le propriétaire ou l’opérateur d’une machine utilisant des produits pétroliers est tenu d’entretenir le moteur et de maintenir la
--	--	---

hakurikijwe uburyo bwa tekini bwiza mu rwego rwo kubahiriza urugero rwemewe rw'imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere.	accordance with the best technical practices to ensure compliance with permissible air pollutant emission limits.	machine conformément aux meilleures pratiques techniques pour garantir le respect des limites d'émission de polluants atmosphériques admissibles.
<u>Ingingo ya 7: Ibisabwa ku mapikipiki atumizwa mu mahanga</u> (1) Ikipiki itumizwa mu mahanga izanywe mu Rwanda igomba kuba ari nshya. icyakora, bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, ikigo kibisabwe, gishobora kwemera itumizwa mu mahanga ry'ikipiki itari nshya, iyo yakorewe gukoreshwa mu bya siporo cyangwa gukoreshwa n'abantu bafite ubumuga. (2) Nta muntu wemerewe kuzana mu Rwanda ipikipiki ifite moteri y'ibihe bibiri, keretse ipikipiki zigenewe gukoreshwa mu bya siporo.	<u>Article 7: Requirements for importation of motorcycles</u> (1) A motorcycle imported into Rwanda must be brand new. However, without prejudice to provisions of other laws, the Authority, upon request, may authorize importation of a second-hand motorcycle if it is designed either for sports use or for persons with disabilities. (2) No person is authorised to import a two-stroke motorcycle in Rwanda, except those specifically designed for sport purposes.	<u>Article 7 : Exigences pour l'importation des motocycles</u> (1) Un motocycle importé au Rwanda doit être neuf. Toutefois, sans préjudice des dispositions d'autres lois, l'Office, sur demande, peut autoriser l'importation d'un motocycle d'occasion conçu pour le sport ou pour les personnes handicapées. (2) Personne n'est autorisée à importer un motocycle à deux temps au Rwanda, à l'exception de ceux qui sont spécifiquement conçus à des fins de sport.
<u>Ingingo ya 8: Ubugenzuzi bw'ibikoresho by'ubwikorezi bikoreshwa na moteri</u> (1) Ikigo kigenzura ibikoresho by'ubwikorezi bikoreshwa na moteri bisohora imyuka, harimo amapikipiki n'imodoka, n'izindi mashini zikoresha ibikomoka kuri peteroli, ku bijyanye	<u>Article 8: Inspection of motorised means of transport</u> (1) The Authority inspects emission-generating motorised means of transport including motorcycles, automobile vehicles, and other machines using petroleum products,	<u>Article 8 : Inspection des moyens de transport motorisés</u> (1) L'Office inspecte les moyens de transport motorisés générateurs d'émissions, y compris les motocycles et les véhicules automobiles, ainsi que les autres machines utilisant des

n'isohorwa ry'imyuka ihumanya. (2) Igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri gisohora imyuka cyakorewe isuzuma ry'imyuka ihumanya kiharitsinda gihabwa icyemezo cy'isuzuma kugira ngo cyemererwe gukoreshwa. icyakora, igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri gisohora imyuka kitakorewe isuzuma cyangwa cyakorewe isuzuma ntikiritsinde cyemererwa gukoreshwa cyangwa kugenda mu nzira nyabagendwa iyo – (a) igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri kiva aho gisuzumirwa kijya mu igaraji; (b) igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri kiva ahafungirwa ibinyabiziga byakoze amakosa kijya mu igaraji; (c) igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri kiva mu igaraji kigaruka aho gisuzumirwa; (d) igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri cyinjiye mu Rwanda	with regard to air pollutant emission. (2) An emission-generating motorised means of transport that undergoes and passes air pollutant emission inspection must get an inspection certificate in order to operate. However, an emission-generating motorised means of transport that has not yet been inspected or that has failed the inspection may be permitted to move on public highway if – (a) a motorised means of transport is being driven from the inspection centre to a garage; (b) a motorised means of transport is being driven from the impoundment yard to a garage; (c) a motorised means of transport is being driven from garage back to the inspection centre; (d) a second-hand motorised means of transport is being driven from the	produits pétroliers, en ce qui concerne l'émission des polluants atmosphériques. (2) Un moyen de transport motorisé générateur d'émissions qui passe et réussit l'inspection des émissions de polluants atmosphériques doit obtenir un certificat d'inspection pour pouvoir circuler. Toutefois, le moyen de transport motorisé générateur d'émissions non inspecté ou qui a échoué à l'inspection peut être autorisé à circuler sur la voie publique lorsque – (a) le moyen de transport motorisé est conduit du centre d'inspection vers un garage ; (b) le moyen de transport motorisé est conduit du parc de mise en fourrière vers un garage ; (c) le moyen de transport motorisé est conduit du garage vers le centre d'inspection ; (d) le moyen de transport motorisé d'occasion est conduit du point
--	--	---

cyarakoreshejwe mu kindi gihugu kijyanwa aho cyambarira ibirango by'u Rwanda cyangwa aho kigurishirizwa; (e) igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri kiva aho cyambariye ibirango bya Repubulika y'u Rwanda kijya aho gisuzumirwa; (f) cyangwa igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri kinyujijwe cyangwa kiri mu Rwanda by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atatu; icyakora, iyo icyo gihe kirenze, icyo gikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri kigomba gukorerwa isuzuma. (3) Icyakora, igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri gisohora imyuka gishya kitararenza imyaka ibiri gitangiye gukoreshwa ntigisabwa gukorerwa isuzuma ry'imyuka ihumanya mbere y'uho icyo gihe kirangira; icyakora iri sonerwa ntirireba ibinyabiziga byinjizwa mu Rwanda ariko byarakoreshejwe mu bindi bihugu.	entry border point to a public or private warehouse; (e) a motorised means of transport is driven from a warehouse to the inspection centre; or (f) a motorised means of transport is transiting through Rwanda or staying in Rwanda for a period not exceeding three months; however, if that stay is extended, the motorised means of transport must undergo inspection. (3) However, a brand new emission-generating motorised means of transport that has been in operation for less than two years is not required to undergo air pollutant emission inspection before the expiry of that time period; however, this exemption does not apply to second hand-vehicles.	d'entrée frontalier vers un entrepôt public ou privé ; (e) le moyen de transport motorisé est conduit d'un entrepôt vers le centre d'inspection ; ou (f) le moyen de transport motorisé transite par le Rwanda ou y séjourne pour une durée n'excédant pas trois mois ; toutefois, si ce séjour est prolongé, le moyen de transport motorisé doit passer l'inspection. (3) Toutefois, un tout nouveau moyen de transport motorisé générateur d'émissions qui a été mis en service depuis moins de deux ans n'est pas tenu de subir une inspection des émissions de polluants atmosphériques avant la fin de cette période ; toutefois, cette exemption ne s'applique pas aux véhicules d'occasion.
--	---	--

<u>Ingingo ya 9: icyemezo cy'isuzuma</u>	<u>Article 9: Inspection certificate</u>	<u>Article 9 : Certificat d'inspection</u>
(1) Ibikoresho by'ubwikorezi bikoreshwa na moteri bikurikira bikorewe isuzuma ry'imyuka ihumanya bikaritsinda bihabwa icyemezo cy'isuzuma kimara amezi atandatu: (a) igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri kigenewe gutwara abagenzi muri rusange; (b) igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri kigenewe kwikorera imizigo; (c) ibinyabiziga byigishirizwaho gutwara; (d) igikoresho cy'ubwikorezi gikoreshwa na moteri kigenewe gukoreshwa imirimo y'ubucuruzi; (e) ibinyabiziga bikoreshwa mu butabazi; (f) bisi zitwara abanyeshuri; (g) ibikoresho by'ubwikorezi bikoreshwa na moteri zikoresha ibikomoka kuri peteroli	(1) The following motorised means of transport that undergo and pass the air pollutant emission inspection are issued an inspection certificate valid for six months: (a) motorised means of transport designed for public transport; (b) motorised means of transport designed to carry goods; (c) training vehicles; (d) motorised means of transport licensed for commercial activities; (e) rescue vehicles; (f) school buses; (g) motorised means of transport using petroleum products designed for construction, agriculture and	(1) Les moyens de transport motorisés suivants qui passent et réussissent l'inspection d'émissions de polluants atmosphériques, reçoivent un certificat d'inspection valable pour six mois : (a) moyen de transport motorisé conçu pour le transport en commun ; (b) le moyen de transport motorisé conçu pour transporter des marchandises ; (c) les véhicules de formation ; (d) le moyen de transport motorisé immatriculé pour les activités commerciales ; (e) les véhicules de secours ; (f) les autobus scolaires ; (g) les moyens de transport motorisés utilisant les produits pétroliers conçus pour la construction,

byagenewe gukoreshwa mu bwubatsi, mu buhinzi, no mu bindi bikorwa nk'ibyo; (h) imbangukiragutabara. (2) icyemezo cy'isuzuma ku bindi byiciro by'ibikoresho by'ubwikorezi bikoresha na moteri bidateganyijwe mu gika cya (1) kimara umwaka. (3) Igikoresho cy'ubwikorezi gikoresha na moteri kitatsinze isuzuma ry'imyuka ihumanya ntigihabwa icyemezo cy'isuzuma. (4) Iyo isuzuma rigaragaje inenge, nyir'igikoresho cy'ubwikorezi gikoresha na moteri agomba kuzikosora kandi akakigarura gukorerwa irindi suzuma ryemeza ko izo nenge zakosowe mbere yo guhabwa icyemezo cy'isuzuma. <u>Ingingo ya 10: Amafaranga yishyurwa ku isuzuma</u> Nyir'igikoresho cy'ubwikorezi gikoresha na moteri yishyura amafaranga y'isuzuma hashingiwe ku byiciro by'ibikoresho by'ubwikorezi bikorerwa isuzuma nk'uko	related works; (h) ambulances; (2) An inspection certificate for categories of motorised means of transport not mentioned in Paragraph (1) is valid for one year. (3) A motorised means of transport that does not pass the air pollutant emission inspection is not issued an inspection certificate. (4) If any defects are identified by the inspection, the owner of a motorised means of transport must remedy them and present it for a further inspection to certify that the defects have been corrected prior to issuing the inspection certificate. <u>Article 10: Inspection fees</u> The motorised means of transport owner pays inspection fees, based on the categories of motorised means of transport subject to inspection, as provided for in Annex.	l'agriculture et les travaux connexes ; (h) les ambulances. (2) Le certificat d'inspection pour les autres catégories de moyens de transport motorisés non mentionnés au paragraphe (1) est valable pour un an. (3) Un moyen de transport motorisé qui ne réussit pas l'inspection d'émissions de polluants atmosphériques ne se voit pas délivrer un certificat d'inspection. (4) Si l'inspection fait apparaître des défauts, le propriétaire du moyen de transport motorisé doit y remédier et le présenter pour une visite supplémentaire pour certifier que les défauts ont été corrigés avant de délivrer le certificat d'inspection. <u>Article 10 : Frais d'inspection</u> Le propriétaire du moyen de transport motorisé paie les frais d'inspection, sur la base des catégories des moyens de transport motorisés faisant l'objet d'inspection, telles
---	--	--

biteganywa mu mugereka. UMUTWE WA III: GUSABA, GUTANGA NO GUKORESHA URUHUSHYA RWO KOHEREZA IMYUKA IHUMANYA IKIRERE <u>Ingingo ya 11:</u> Ibisabwa mu gusaba uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere Umuntu wifuza gukora igikorwa cyohereza imyuka ihumanya ikirere kitubahirije amabwiriza y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka, ashyikiriza Ikigo ubusabe bwanditse bw'uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere bugaragaza ibi bikurikira: (a) umwirondoro w'usaba; (b) ibisobanuro ku gikorwa gihumanya ikirere mu magambo arambuye; (c) aho igikorwa gihumanya ikirere gisabirwa uruhushya kizakorera; (d) ubwoko n'inkomoko by'ibihumanya; (e) impamvu zo kurenza urugero ntarengwa rw'imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere;	CHAPTER III: APPLICATION, ISSUE AND USE OF AIR POLLUTANT EMISSION PERMIT <u>Article 11:</u> Requirements of application for air pollutant emission permit A person who intends to apply for an air pollutant emission permit to carry out an air polluting activity and does not comply with the air quality standards submits a written application to the Authority, indicating the following: (a) identification of the applicant; (b) description of the air pollutant activity; (c) location of the air pollutant activity covered by the application; (d) type and origin of the pollutants; (e) reasons for exceeding air pollutant emission limits;	que prévues en annexe. CHAPITRE III : DEMANDE, OCTROI ET UTILISATION DU PERMIS D'ÉMISSION DE POLLUANTS ATMOSPHÉRIQUES <u>Article 11 :</u> Conditions de demande d'un permis d'émission de polluants atmosphériques Une personne qui souhaite demander un permis d'émission de polluants atmosphériques pour effectuer une activité qui pollue l'atmosphère et qui n'est pas conforme aux normes de la qualité de l'air soumet une demande écrite à l'Office, indiquant les éléments suivants : (a) l'identification du demandeur ; (b) la description de l'activité polluant l'air ; (c) l'emplacement de l'activité polluant l'air visée par la demande ; (d) le type et l'origine des polluants ; (e) les motifs de dépassement des limites d'émission de polluants atmosphériques ;
---	--	--

(f) ingano y’imyuka ihumanya iteganywa kohererwa mu kirere; (g) ingamba zafashwe mu rwego rwo kubika amakuru no kugenzura uko imyuka ihumanya yoherezwaga mu kirere ingana; (h) igihe uruhushya asaba ruzamara; (i) andi makuru ya ngombwa yatuma hakorwa isesengura riboneye. <u>Ingingo ya 12: Amafaranga atangwa mu gusaba uruhushya</u> Umuntu usaba uruhushya rwo kohererwa imyuka ihumanya ikirere yishyura FRW 50.000 adasubizwa mu kigega gishinzwe ibidukikije n’imihindagurikire y’ikirere. <u>Ingingo ya 13: Ibishingirwaho mu gusuzuma ubusabe bw’uruhushya</u> (1) Mu kwemeza niba uruhushya rwo kohererwa imyuka ihumanya ikirere rwatangwa, Ikigo kigomba –	(f) expected quantities of air pollutant emission; (g) measures put in place to record and monitor air pollutant emission quantities; (h) duration for which the permit is requested; (i) other information considered necessary for appropriate assessment. <u>Article 12: Application fees for the permit</u> A person who applies for an air pollutant emission permit pays a non-refundable fee of FRW 50,000 to the fund in charge of environment and climate change. <u>Article 13: Criteria for assessing the application for permit</u> (1) In determining whether to issue an air pollutant emission permit, the Authority must –	(f) les prévisions des quantités d’émission de polluants atmosphériques ; (g) les mesures mises en place pour enregistrer et surveiller les quantités d’émission de polluants atmosphériques ; (h) la période pour laquelle le permis est demandé ; (i) tout autre renseignement jugé nécessaire en vue d’une évaluation appropriée. <u>Article 12 : Frais de demande du permis</u> Une personne qui demande un permis d’émission de polluants atmosphériques paie une redevance non remboursable de 50.000 FRW au fonds chargé de l’environnement et du changement climatique. <u>Article 13 : Critères d’évaluation d’une demande de permis</u> (1) Pour déterminer s’il y a lieu de délivrer un permis d’émission de polluants atmosphériques, l’Office
--	--	--

(a) gushingira kuri raporo y'isuzuma ry'ingaruka ku bidukikije cyangwa y'ubugenzuzi bw'ibidukikije byakozwe; (b) gushingira ku mabwiriza y'ubuziranenge bw'umwuka wo mu kirere udukikije akurikizwa; (c) gusuzuma ingaruka z'uruhurirane ku bidukikije zishobora gukomoka ku itangwa ry'urwo ruhushya; (d) no kureba niba uburyo bw'imigirire myiza kurusha iyindi buteganyijwe bwubahirijwe. (2) Ikigo gishobora iyo bibaye ngombwa gusaba ko hakorwa inyigo yimbitse yishyurwa n'usaba uruhushya, mbere y'uko hafatwa icyemezo cya nyuma ku busabe bw'uruhushya. <u>Ingingo ya 14:</u> Gusubiza ubusabe bw'uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere (1) Ikigo gisubiza uwasabye uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya	(a) refer to the report of environmental impact assessment or environmental audit conducted; (b) refer to the applicable ambient air quality standards; (c) consider the cumulative effect on the environment likely to result from the granting of the permit; and (d) ensure that the prescribed best practicable option is adopted. (2) The Authority may, if necessary, require a detailed study to be carried out at the applicant's expense before making a final decision on the permit application. <u>Article 14:</u> Response to the application for air pollutant emission permit (1) The Authority responds to the applicant for air pollutant emission	doit – (a) se référer au rapport d'évaluation d'impact environnemental ou d'audit environnemental effectué ; (b) se référer aux normes de qualité de l'air ambiant applicables ; (c) examiner l'effet cumulatif sur l'environnement susceptible de résulter de la délivrance du permis; et (d) s'assurer que la meilleure option prescrite possible est adoptée. (2) L'Office peut, le cas échéant, exiger la réalisation d'une étude approfondie aux frais du demandeur, avant de prendre une décision finale sur la demande de permis. <u>Article 14 :</u> Réponse à la demande de permis d'émission de polluants atmosphériques (1) L'Office répond au demandeur du permis d'émission de polluants
--	---	--

ikirere mu gihe kitarenze iminsi 20 ibarwa uhereye ku munsu yatangiyeho inyandiko zisabwa zose. (2) Iyo hakenewe igihe cyo gusesengura inyandiko isaba uruhushya kirenze igiteganywa mu gika cya (1), Ikigo kimenyesha uwasabye uruhushya igihe kizatangira igisubizo. (3) Uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere rugaragaza ibisabwa mu ikoresha ryarwo uwaruhawe agomba kubahiriza. <u>Ingingo ya 15: Ibyo uwahawe uruhushya agomba kubahiriza</u> Uwahawe uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere agomba – (a) kugenzura ku buryo buhoraho uko kohereza imyuka ihumanya ikirere bikorwa kandi ashyira mu bikorwa izindi ngamba zo kugumana ubwiza bw’umwuka n’izituma umwuka udukikije urushaho kuba mwiza; (b) gutegura raporo yerekana uko igikorwa cyerekeranye n’imyuka	permit within 20 days from the date on which the applicant submitted all the required documents. (2) If additional time to what is provided for in Paragraph (1) is required for analysis of the application, the Authority informs the applicant of the expected time of issuing the response. (3) The air pollutant emission permit indicates the conditions of use with which the holder must comply. <u>Article 15: Obligations of a permit holder</u> A holder of an air pollutant emission permit must – (a) conduct continuous monitoring of air pollutant emissions and implement other measures to maintain ambient air quality or improve; (b) draw up a report on the compliance status of the air pollutant emission	atmosphériques dans un délai de 20 jours à compter de la date à laquelle le demandeur a soumis toutes les pièces requises. (2) S’il y a besoin du temps supplémentaire au délai prescrit au paragraphe (1) pour analyser la demande, l’Office informe le demandeur du délai prévu pour la délivrance de la réponse. (3) Le permis d’émission de polluants atmosphériques indique les conditions d’utilisation auxquelles le titulaire doit se conformer. <u>Article 15 : Obligations du titulaire du permis</u> Le titulaire du permis d’émission de polluants atmosphériques doit – (a) surveiller en permanence les émissions des polluants atmosphériques et mettre en œuvre d’autres mesures pour maintenir la qualité de l’air ambiant ou l’améliorer; (b) établir un rapport sur l’état de conformité de l’activité d’émission de
---	--	---

ihumanya ikirere cyubahiriza ibisabwa no kuyimenyesha Ikigo mu buryo bw'ingarukagihe; (c) no kubahiriza ibisabwa bikubiye mu ruhushya. <u>Ingingo ya 16: Igihe uruhushya rumara</u> Uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere rumara igihe cy'imyaka ibiri ibarwa uhereye ku itariki rwatangiweho kandi rushobora kongererwa agaciro. <u>Ingingo ya 17: Gutesha agaciro uruhushya</u> Ikigo gitesha agaciro uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere iyo – (a) uwahawe uruhushya atubahirije ibisabwa birebana n'ikoresha ry'uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere; (b) cyangwa igikorwa cyimuriwe ahandi. <u>Ingingo ya 18: Imenyesha ry'ihinduka rya nyir'igikorwa cyangwa ufite igikorwa</u> (1) Nyir'igikorwa cyangwa ufite igikorwa cyatangiwe uruhushya rwo kohereza	activity and periodically inform the Authority thereof; and (c) comply with conditions specified in the permit. <u>Article 16: Validity of the permit</u> The air pollutant emission permit is valid for a period of two years from the date of issue and may be renewed. <u>Article 17: Permit cancellation</u> The Authority cancels the air pollutant emission permit if – (a) the permit holder fails to comply with the conditions of use of the air pollutant emission permit; or (b) the activity changes location. <u>Article 18: Notification of the change of the owner or operator of an activity</u> (1) The owner or operator of an activity for which an air pollutant emission	polluants et en informer périodiquement l'Office ; et (c) se conformer aux conditions définies dans le permis. <u>Article 16 : Validité du permis</u> Le permis d'émission de polluants atmosphériques est valable pour une période de deux ans à compter de la date de délivrance et peut être renouvelée. <u>Article 17 : Annulation du permis</u> L'Office annule le permis lorsque – (a) le titulaire du permis ne se conforme pas aux conditions d'utilisation du permis d'émission de polluants atmosphériques ; ou (b) l'activité change d'emplacement. <u>Article 18 : Notification du changement du propriétaire ou de l'opérateur d'une activité</u> (1) Le propriétaire ou l'opérateur d'une activité pour laquelle le permis
---	--	---

imyuka ihumanya ikirere, amenyesha mu nyandiko Ikigo amazina ya nyir'igikorwa cyangwa ufite igikorwa mushya n'aho abarizwa, mu minsi 15 ikurikira ihinduka rya nyir'icyo gikorwa cyangwa ry'uwaru ugifite. (2) Inyandiko imenyesha igomba kuba iherekejwe n'inyandiko igaragaza ko nyir'igikorwa cyangwa ufite igikorwa mushya yiyemeje kubahiriza ibisabwa biteganyijwe mu ruhushya rusanze rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere. Kopi y'inyandiko imenyesha yoherezwa Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere bireba.	permit is granted notifies the Authority in writing of the name and address of the new owner or operator within 15 days following the occurrence of change of the owner or the operator. (2) The notification must be accompanied by a written commitment from the new owner or operator of the activity to comply with the conditions of the existing air pollutant emission permit. A copy of the notification is sent to the City of Kigali or relevant District.	d'émission de polluants atmosphériques est accordé informe par écrit l'Office du nom et de l'adresse du nouveau propriétaire ou opérateur dans les 15 jours suivant la survenance du changement du propriétaire ou de l'opérateur. (2) La notification doit être accompagnée d'un engagement écrit du nouveau propriétaire ou opérateur de l'activité de se conformer aux conditions du permis d'émission de polluants atmosphériques existant. Une copie de la notification est transmise à la Ville de Kigali ou au District concerné.
<u>Ingingo ya 19: Ihinduka ry'igikorwa cyohereza imyuka ihumanya</u> (1) Nyir'igikorwa cyangwa ufite igikorwa wahawe uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere amenyesha Ikigo mu nyandiko ihinduka ry'igikorwa cyohereza imyuka ihumanya ikirere mu minsi 15 ibanziriza ihinduka ry'igikorwa. (2) Iyo igikorwa gishya cyohereza imyuka ihumanya ikirere irenze	<u>Article 19: Change of a pollutant-emitting activity</u> (1) The owner or operator of an activity who holds an air pollutant emission permit notifies the Authority in writing of the change of the pollutant-emitting activity within 15 days prior to the change of the activity. (2) If the new pollutant-emitting activity results in air pollutant emissions that	<u>Article 19 : Changement d'activité émettant des polluants</u> (1) Le propriétaire ou l'opérateur d'une activité qui est titulaire d'un permis d'émission de polluants atmosphériques informe par écrit l'Office du changement d'activité émettant des polluants dans les 15 jours précédant le changement d'activité. (2) Lorsque la nouvelle activité émettant des polluants entraîne des émissions

urugero ntarengwa rw'imyuka ihumanya ikirere rwemewe, nyir'icyo gikorwa cyangwa ufite icyo gikorwa asaba uruhushya nk'uko biteganywa n'iri teka. <u>Ingingo ya 20: Amafaranga yishyurwa kubera kohereza imyuka ihumanya ikirere</u> (1) Umuntu uhawe uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere yishyura buri mwaka amafaranga ashirwa mu kigega gishinzwe ibidukikije n'imihindagurikire y'ikirere. (2) Ikigo gishyiraho kandi kigatangaza buri mwaka ingano y'amafaranga yishyurwa kubera kohereza mu kirere imyuka ihumanya. <u>UMUTWE WA IV: KUMENYESHA IGIKORWA GIHUMANYA IKIRERE NO KUJURIRIRA IRYO MENYESHA</u> <u>Ingingo ya 21: Imenyesha ry'igikorwa gihumanya ikirere</u> (1) Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere	exceed permissible emission limits, the owner or operator of the activity applies for an air pollutant emission permit as provided for in this Order. <u>Article 20: Fees for air pollutant emission</u> (1) A person who is granted an air pollutant emission permit pays annual fees to the fund in charge of environment and climate change. (2) The Authority sets and publishes annually the applicable fee rates for air pollutant emissions. <u>CHAPTER IV: NOTIFICATION OF AIR-POLLUTING ACTIVITY AND APPEAL AGAINST THE NOTIFICATION</u> <u>Article 21: Notification of air-polluting activity</u> (1) The City of Kigali or the District with	de polluants atmosphériques qui dépassent les limites d'émission admissibles, le propriétaire ou l'opérateur de l'activité demande un permis d'émission de polluants atmosphériques conformément aux dispositions du présent arrêté. <u>Article 20 : Frais pour l'émission de polluants atmosphériques</u> (1) Une personne à qui un permis d'émission de polluants atmosphériques est accordé, paie des frais annuels au fonds chargé de l'environnement et du changement climatique. (2) L'Office fixe et publie chaque année les taux des frais pour l'émission de polluants atmosphériques à payer. <u>CHAPITRE IV : NOTIFICATION D'ACTIVITÉ POLLUANT L'AIR ET LES VOIES DE RECOURS CONTRE CETTE NOTIFICATION</u> <u>Article 21 : Notification d'activité polluant l'air</u> (1) La Ville de Kigali ou le District doté
---	---	---

gafite ubuzima gatozi bimenyesha nyir'igikorwa mu nyandiko ko igikorwa cye gihumanya ikirere. (2) Inyandiko imenyesha igikorwa gihumanya ikirere igomba kugaragaza ibi bikurikira: (a) ubwoko bw'ibitarubahirijwe bimenyekanishwa; (b) ingamba za ngombwa zo gukumira iyoherezwa ry'imyuka mu kirere cyangwa kubahiriza urugero ntarengwa rw'imyuka yoherezwa mu kirere; (c) igihe ntarengwa ingamba zivugwa mu gaka ka (b) zigomba kuba zafashwe; (d) ingengabihe y'itangwa rya raporo z'aho ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zafashwe rigeze. <u>Ingingo ya 22: Kujuririra imenyesha</u> (1) Umuntu wahawe inyandiko imenyesha igikorwa gihumanya ikirere, mu gihe cy'iminsi ibiri y'akazi uhereye igihe ayakiriye, ashobora kujuririra mu nyandiko	legal personality notifies in writing the owner of an activity that their activity pollutes the air. (2) A notice of air-polluting activity must specify the following: (a) the type of violation being cited; (b) the measures required to prevent emissions or ensure compliance with emission limits; (c) the period within which measures referred to under subparagraph (b) must be taken; (d) the reporting schedule for the implementation status of measures taken. <u>Article 22: Appeal against notification</u> (1) A person to whom a notification of air-polluting activity has been served, within two working days of its receipt, may lodge an appeal in writing with the City of Kigali or the District that	de la personnalité juridique informe par écrit le propriétaire d'une activité que son activité pollue l'air. (2) La notification d'activité polluant l'air doit préciser ce qui suit : (a) le type de violation pour laquelle la notification est faite ; (b) les mesures nécessaires pour prévenir les émissions ou se conformer aux limites d'émissions; (c) le délai dans lequel les mesures visées à l'alinéa (b) doivent être prises ; (d) le calendrier de soumission des rapports sur l'état de la mise en œuvre des mesures prises. <u>Article 22 : Recours contre la notification</u> (1) Une personne à qui une notification d'activité polluant l'air a été adressée, dans les deux jours ouvrables à compter de sa réception, peut introduire un recours par écrit auprès
--	--	--

Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere byayimuhaye. (2) Umuntu wahawe inyandiko imenyeshya igikorwa gihumanya ikirere utishimiye icyemezo cyafashwe ku bujurire bwe, mu gihe cy'iminsi ibiri y'akazi amaze kubona icyo cyemezo, ashobora kujuririra mu nyandiko Ikigo ku bijyanye n'ingingo zikubiye mu nyandiko imenyeshya. (3) Ikigo, kimaze gusuzuma ubujurire, gishobora kwemeza, guhindura cyangwa gutesha agaciro inyandiko imenyeshya igikorwa gihumanya ikirere. Ikigo kimenyesha mu nyandiko uwajuriye n'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere icyemezo cyacyo mu minsi 15 ikurikira itangwa ry'ubujurire. (4) Ujurira yishyura FRW 50.000 mu kigega gishinzwe ibidukikije n'imihindagurikire y'ikirere mbere yo gutanga ubujurire. Ayo mafaranga arayasubizwa iyo Ikigo cyemeje ko ubujurire bwe bufite ishingiro.	issued the notification. (2) A person served with the notification of air-polluting activity who is not satisfied with the decision on their appeal, within two working days from the date of receipt of the decision, may submit a written appeal to the Authority regarding the terms of the notification. (3) The Authority, after considering the appeal, may confirm, amend or revoke the notification of air-polluting activity. The Authority informs in writing the appellant and the City of Kigali or the District of the decision taken within 15 days after submission of the filing of the appeal. (4) The appellant pays FRW 50,000 to the fund in charge of environment and climate change before lodging their appeal. This amount is refunded to the appellant if the Authority upholds their appeal.	de la Ville de Kigali ou du District qui la lui a délivrée. (2) La personne qui a reçu une notification d'activité polluant l'air et qui n'est pas satisfaite de la décision rendue sur son recours peut, dans un délai de deux jours ouvrables à compter de la date de réception de la décision, introduire un recours écrit auprès de l'Office en rapport avec les termes de la notification. (3) L'Office, après avoir examiné le recours, peut confirmer, modifier ou annuler la notification d'activité polluant l'air. L'Office informe par écrit l'appellant et la Ville de Kigali ou le District de la décision prise dans les 15 jours suivant le dépôt du recours. (4) L'appellant verse 50.000 FRW au fonds chargé de l'environnement et du changement climatique avant d'introduire son recours. Ce montant est remboursé à l'appellant si l'Office fait droit à son recours.
---	--	---

<u>Ingingo ya 23:</u> Ibikubiye mu idosiye y'ubujurire ku nyandiko imenyeshya igikorwa gihumanya ikirere Idosiye y'ubujurire ku nyandiko imenyeshya igikorwa gihumanya ikirere igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira: (a) ubujurire buriho umukono; (b) kopi y'inyandiko y'icyemezo kijuririrwa; (c) ikigaragaza ko amafaranga y'ubujurire yishyuwe; (d) indi nyandiko ya ngombwa.	<u>Article 23:</u> Content of the appeal file against the notice of air-polluting activity The appeal file against a notice of air-polluting activity must contain the following: (a) a duly signed appeal petition; (b) a copy of the decision being appealed; (c) proof of payment of the appeal fee; (d) any other relevant document considered necessary.	<u>Article 23 :</u> Contenu du dossier de recours contre la notification d'activité polluant l'air Le dossier de recours contre la notification d'activité polluant l'air doit contenir ce qui suit : (a) une pétition dûment signée ; (b) une copie de la décision faisant l'objet du recours ; (c) une preuve de paiement des frais de recours ; (d) tout autre document jugé nécessaire.
<u>UMUTWE WA V: AMAKOSA N'IBIHANO</u> <u>Ingingo ya 24:</u> Kutubahiriza amabwiriza yerekeye imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere (1) Uretse umuyobozi w'igikoresho cy'ubwikorezi gikorehwa na moteri, umuntu utubahiriza amabwiriza yerekeye imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere aba akoze ikosa,	<u>CHAPTER V: FAULTS AND SANCTIONS</u> <u>Article 24:</u> Violation of air-pollutant emission standards (1) A person, other than the driver of a motorised means of transport, who violates air pollutant emission standards commits a fault and is liable to a fine of FRW 3,000,000.	<u>CHAPITRE V : FAUTES ET SANCTIONS</u> <u>Article 24 :</u> Violation des normes d'émission de polluants atmosphériques (1) Excepté le conducteur d'un moyen de transport motorisé, une personne qui enfreint des normes en matière d'émission de polluants atmosphériques, commet une faute et

kandi ahanishwa ihazabu ya FRW 3.000.000. (2) Nyir'igikoresho cy'ubwikorezi gikoresha na moteri utubahiriza amabwiriza yerekeye isohorwa ry'inyuka ihumanya ikirere aba akoze ikosa kandi ahanishwa ihazabu ya FRW 25.000. <u>Ingingo ya 25:</u> Gukora igikorwa gihumanya ikirere nta ruhushya Umuntu ukora, nta ruhushya, igikorwa gihumanya ikirere kitubahirije amabwiriza y'ubuziranenge agenga ubwiza bw'umwuka aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu ya FRW 3.000.000. <u>Ingingo ya 26:</u> Kutubahiriza amabwiriza yo kubungabunga ubwiza bw'umwuka Umuntu utubahiriza amabwiriza yerekeye kubungabunga ubwiza bw'umwuka no gukumira ihumanywa ry'ikirere aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu ya FRW 2.000.000.	(2) The owner of a motorised means of transport that fails to comply with air pollutant emission standards commits a fault and is liable to a fine of FRW 25,000. <u>Article 25:</u> Engaging in air polluting activity without permit A person who carries out an air-polluting activity that does not comply with applicable air quality standards without a permit commits a fault and is liable to a fine of FRW 3,000,000. <u>Article 26:</u> Violation of a compliance order related to preservation of air quality A person who violates a compliance order relating to the preservation of air quality and prevention of air pollution commits a fault and is liable to a fine of FRW 2,000,000.	est passible d'une amende de 3.000.000 FRW. (2) Le propriétaire d'un moyen de transport motorisé qui ne respecte pas les règlements sur l'émission de polluants atmosphériques commet une faute et est passible d'une amende de 25.000 FRW. <u>Article 25 :</u> Exercer une activité polluant l'air sans permis Une personne qui exerce une activité polluant l'air non conforme aux normes de la qualité de l'air sans permis commet une faute et est passible d'une amende de 3.000.000 FRW. <u>Article 26 :</u> Violation d'un ordre de conformité relatif à la préservation de la qualité de l'air Une personne qui enfreint un ordre de conformité relatif à la conservation de la qualité de l'air et la prévention de la pollution atmosphérique commet une faute et est passible d'une amende de 2.000.000 FRW.
--	---	---

<u>Ingingo ya 27:</u> Kutubahiriza amabwiriza yo guhagarika ibikorwa Umuntu utubahiriza amabwiriza yo guhagarika ibikorwa bihumanya ikirere aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu ya FRW 5.000.000. <u>Ingingo ya 28:</u> Kutubahiriza amabwiriza yo gukumira mu buryo bwihutirwa imyuka ihumanya ikirere Umuntu utubahiriza amabwiriza yo gukumira imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere mu buryo bwihutirwa aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu ya FRW 3.000.000. <u>Ingingo ya 29:</u> Kubangamira ubugenzuzi Umuntu – (a) ubangamira umugenzuzi w'ibidukikije mu gihe ashya mu bikorwa inshingano ze; (b) wangira umugenzuzi w'ibidukikije kwinjira ku butaka cyangwa mu nyubako agamije kugenzura; (c) wangira umugenzuzi w'ibidukikije	<u>Article 27:</u> Violation of an order to cease activities A person who violates an order to cease air polluting activities commits a fault and is liable to a fine of FRW 5,000,000. <u>Article 28:</u> Violation of orders for emergency prevention of the emission of air pollutants A person who violates an order for emergency prevention of emission of air pollutants commits a fault and is liable to a fine of FRW 3,000,000. <u>Article 29:</u> Hindrance to inspection A person who – (a) obstructs an environmental inspector in the execution of their duties; (b) refuses an environmental inspector entry onto land or into premises for purposes of inspection; (c) refuses an environmental inspector	<u>Article 27 :</u> Violation d'un ordre d'arrêter les activités Une personne qui viole un ordre d'arrêter des activités polluant l'air commet une faute et est passible d'une amende de 5.000.000 FRW. <u>Article 28 :</u> Violation d'un ordre de prévention d'urgence d'émissions de polluants atmosphériques Une personne qui viole un ordre de prévention d'urgence d'émissions des polluants atmosphériques commet une faute et est passible d'une amende de 3.000.000 FRW. <u>Article 29 :</u> Entrave à l'inspection Une personne qui – (a) entrave un inspecteur de l'environnement dans l'exercice de ses fonctions ; (b) refuse à un inspecteur de l'environnement l'accès à un terrain ou à des locaux à des fins d'inspection; (c) refuse à un inspecteur de
--	---	---

kugera ku nyandiko zishyinguwe hashingiwe ku mategeko; (d) cyangwa uha umugenzuzi w'ibidukikije izina, aderesi bitari byo cyangwa amakuru ayobya; aba akoze ikosa kandi ahanishwa ihazabu ya FRW 500.000. <u>Ingingo ya 30:</u> Kutamenyekanisha iyoherezwa ry'imyuka ihumanya ikirere ritagambiriwe cyangwa ridaturutse ku bushake Umuntu utamenyekanisha ko yohereje imyuka ihumanya ikirere atabigambiriye cyangwa bidaturutse ku bushake mu gihe giteganywa n'amategeko, aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu ya FRW 1.000.000. <u>Ingingo ya 31:</u> Ibyemezo bigamije gusubiza mu buryo ibyangijwe (1) Ikigo, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzima gatozi bishobora gutegeka umuntu utubahirije itegeko ryerekeye kubungabunga ubwiza bw'umwuka cyangwa gukumira ihumanywa	access to records kept in accordance with the law; or (d) provides an environmental inspector with a false name, false address, or misleading information; commits a fault and is liable to a fine of FRW 500,000. <u>Article 30:</u> Failure to report accidental or involuntary emission of air pollutants A person who fails to report an accidental or involuntary emission of air pollutants within the time prescribed by law commits a fault and is liable to a fine of FRW 1,000,000. <u>Article 31:</u> Remedial measures (1) The Authority, the City of Kigali or the District with legal personality may order a person who violates provisions of the law relating to the preservation of air quality and prevention of air pollution –	l'environnement l'accès à des documents conservés conformément à la loi ; ou (d) donne à un inspecteur de l'environnement un faux nom ou une fausse adresse ou des renseignements trompeurs ; commet une faute et est passible d'une amende de 500.000 FRW. <u>Article 30 :</u> Défaut de déclarer des émissions accidentelles ou involontaires de polluants atmosphériques Une personne qui omet de déclarer ses émissions accidentelles ou involontaires de polluants atmosphériques dans le délai prévu par les lois, commet une faute et est passible d'une amende de 1.000.000 FRW. <u>Article 31 :</u> Mesures correctives (1) L'Office, la Ville de Kigali ou le District doté de la personnalité juridique, peut ordonner à une personne qui enfreint la législation en matière de la qualité de l'air et la prévention de la pollution
--	--	--

ry'ikirere – (a) gukuraho, gusana, kugorora cyangwa guhindura icyateye ihumanywa ry'ikirere; (b) cyangwa gusubiza ibidukikije byononekaye cyangwa byangijwe n'imyuka ihumanya uko byari bimeze. (2) Iyo ibiteganywa mu gika cya (1) bidakozwe, Ikigo, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzima gatozi bishobora guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu igikorwa bireba. <u>Ingingo ya 32: Igihe cyo kwishyura ihazabu</u> Umuntu wahanishijwe kwishyura ihazabu ivugwa muri uyu mutwe, ayishyura mu kigeza gishinzwe ibidukikije n'imihindagurikire y'ikirere mu gihe kitarenze iminsi irindwi uhaye igihe yabimenyesherejwe. Iyo icyo gihe kirenze atishyuye, yishyura amafaranga y'inyongera angana na zero n'ibice bitanu ku ijana kuri buri muni w'ubukererwe.	(a) to remove, repair, remediate, or upgrade the source of pollution; or (b) to restore the environment damaged or destroyed by air pollutants. (2) If provisions of Paragraph (1) are not complied with, the Authority, the City of Kigali or the District with legal personality may order the temporary or permanent closure of the activity concerned. <u>Article 32: Fine payment period</u> A person sanctioned with the payment of fines under this Chapter, pays the fine to the fund in charge of environment and climate change, within seven days from the receipt of the notification. If this period elapses without payment, the person pays an additional charge of zero point five percent for each day of delay.	atmosphérique – (a) d'enlever, réparer, corriger ou améliorer la source de pollution ; ou (b) de restaurer l'environnement endommagé ou détruit par les polluants atmosphériques. (2) Lorsque les dispositions du paragraphe (1) ne sont pas respectées, l'Office, la Ville de Kigali ou le District doté de la personnalité juridique peut ordonner la fermeture temporaire ou définitive de l'activité concernée. <u>Article 32 : Période de paiement de l'amende</u> La personne sanctionnée par le paiement d'amendes prévues au présent chapitre paie l'amende au fonds chargé de l'environnement et du changement climatique, endéans sept jours à compter de la réception de la notification. Si cette période expire sans paiement, la personne verse un paiement supplémentaire de zéro virgule cinq pour cent pour chaque jour de retard.
--	---	--

<u>Ingingo ya 33:</u> Inzego zifite ububasha bwo guca ihazabu Ihazabu ivugwa muri iri teka icibwa n'Ikigo, Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gafite ubuzima gatozi. Icyakora, ihazabu yerekeye imyuka yoherezwa n'ikinyabiziga kigendeshwa na moteri icibwa na Polisi y'u Rwanda. <u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u> <u>Ingingo ya 34:</u> Ipikipiki iri mu Rwanda mu gihe iri teka ritangiye gukurikizwa Ipikipiki iri mu Rwanda ku munsu iri teka ritangiriyeho gukurikizwa ikomeza gukoreshwa. Icyakora, igomba kubahiriza ibiteganywa n'iri teka bijyanye n'urugero rw'imyuka yoherezwa mu kirere yemewe. <u>Ingingo ya 35:</u> Agaciro k'uruhushya rwatanzwe mbere y'uko iri teka ritangira gukurikizwa Uruhushya rwo kohereza imyuka ihumanya ikirere rwatanzwe mbere y'uko iri teka ritangira gukurikizwa rugumana agaciro karwo kugeza igihe rurangiriye.	<u>Article 33:</u> Competent organs to impose fine The fine provided for in this Order is imposed by the Authority, the City of Kigali or the District with legal personality. However, the fine related to emissions from motorised means of transport is imposed by Rwanda National Police. <u>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 34:</u> Motorcycle already in Rwanda on the date of entry into force of this Order A motorcycle already in Rwanda on the date of entry into force of this Order continues to operate. However, it must comply with provisions of this Order regarding permissible air pollutant emission limits. <u>Article 35:</u> Validity of a permit issued before the entry into force of this Order Air pollutant emission permit issued before the entry into force of this Order remains valid until its expiration.	<u>Article 33 :</u> Organes habilités à imposer l'amende L'amende prévue au présent arrêté est imposée par l'Office, la Ville de Kigali ou le District doté de la personnalité juridique. Toutefois, l'amende liée aux émissions d'un véhicule est imposée par la Police Nationale du Rwanda. <u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u> <u>Article 34 :</u> Motocyclette déjà au Rwanda à la date d'entrée en vigueur du présent arrêté Un motorcycle se trouvant au Rwanda à la date d'entrée en vigueur du présent arrêté continue à être utilisée. Toutefois, elle doit se conformer aux dispositions du présent arrêté en matière des limites d'émission de polluants atmosphériques permises. <u>Article 35 :</u> Validité du permis délivré avant l'entrée en vigueur du présent arrêté Le permis d'émission de polluants atmosphériques délivré avant l'entrée en vigueur du présent arrêté reste valide jusqu'à son expiration.
--	--	--

<u>Ingingo ya 36: Ingingo y’ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw’Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 37: Ingingo ivanaho</u> Iteka rya Minisitiri n° 02/2018 ryo ku wa 17/09/2018 ryerekeye imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere rivanyweho. <u>Ingingo ya 38: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	<u>Article 35: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda. <u>Article 37: Repealing provision</u> Ministerial Order n° 02/2018 of 17/09/2018 relating to air pollutants emission is repealed. <u>Article 38: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 36 : Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda. <u>Article 37 : Disposition abrogatoire</u> L’Arrêté Ministériel n° 02/2018 du 17/09/2018 relatif à l’émission de polluants de l’air est abrogé. <u>Article 38 : Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
---	---	---

Kigali, 25/08/2025

(sé)

Dr ARAKWIYE Bernadette

Minisitiri w'Ibidukikije
Minister of Environment
Ministre de l'Environnement

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/MoE/25 RYO KU WA 25/08/2025 RYEREKEYE IMYUKA IHUMANYA YOHEREZWA MU KIRERE	ANNEX TO MINISTERIAL ORDER N° 005/MoE/25 OF 25/08/2025 RELATING TO AIR POLLUTANT EMISSION	ANNEXE À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 005/MoE/25 DU 25/08/2025 RELATIF À L'ÉMISSION DES POLLUANTS ATMOSPHERIQUES
--	--	--

AMAFARANGA Y'ISUZUMA RY'IREKURWA RY'IMYUKA KU BIKORESHO BY'UBWIKOREZI BIKORESHWA NA MOTERI

N°	IBYICIRO BY'IBIKORESHO BY'UBWIKOREZI BIKORESHWA NA MOTERI BIKORERWA ISUZUMA	IGICIRO CY'ISUZUMA RYA MBERE HABARIWEMO IMISORO	IGIHE CYO GUKOSOZA INENGE ZAGARAGAYE MU ISUZUMA RYA MBERE NO GUKORESHA IRINDI SUZUMA	IGICIRO CYO GUKORESHA IRINDI SUZUMA NYUMA YO GUKOSORA INENGE ZAGARAGAJWE HABARIWEMO IMISORO
1.	Ipikipiki n'ibindi binyabiziga biri ku rwego rw'ipikipiki	FRW 16.638	Bitarenze ibyumweru bibiri uhareye igihe igenzura ryabereye	FRW 8.319
2.	Imodoka zakorewe gutwara abantu zitarengeje uburemere bwa toni eshatu n'igice kandi zifite imyanya itarenga umunani yo kwicarwamo, hatabariwemo uw'umuyobozi.	FRW 34.940	Bitarenze ibyumweru bibiri uhareye igihe igenzura ryabereye	FRW 17.470
3.	Imodoka itwara abantu kuva ku icyenda kuzamura ariko itarengeje 18 hatabariwemo umuyobozi w'ikinyabiziga.	FRW 51.578	Bitarenze ibyumweru bibiri uhareye igihe igenzura ryabereye	FRW 25.789
4.	Imodoka itwara imizigo irengeje toni imwe n'igice ariko itarenze toni eshatu n'igice	FRW 51.578	Bitarenze ibyumweru bibiri uhareye igihe igenzura ryabereye	FRW 25.789
5.	Imodoka itwara imizigo iri hejuru ya toni eshatu n'igice ariko itarengeje toni eshanu	FRW 51.578	Bitarenze ibyumweru bibiri uhareye igihe igenzura ryabereye	FRW 25.789
6.	Imodoka itwara abantu barenze 18	FRW 51.578	Bitarenze ibyumweru bibiri uhareye	FRW 25.789

	kuzamura ariko batarenze 30 hatabariwemo umuyobozi w'ikinyabiziga		igihe igenzura ryabereye.	
7.	Imodoka itwara imizigo ifite uburemere burenze toni eshanu ariko butarenze toni zirindwi	FRW 51.578	Bitarenze ibyumweru bibiri uhareye igihe igenzura ryabereye	FRW 25.789
8.	Imodoka itwara abantu barenze 30	FRW 51.578	Bitarenze ibyumweru bibiri uhareye igihe igenzura ryabereye	FRW 25.789
9.	Imodoka itwara imizigo ifite uburemere burenze toni zirindwi	FRW 51.578	Bitarenze ibyumweru bibiri uhareye igihe igenzura ryabereye	FRW 25.789
10.	Ibindi binyabiziga bikoresha moteri bikoreshwa mu mirimo itandukanye	FRW 49.914	Bitarenze ibyumweru bibiri uhareye igihe igenzura ryabereye	FRW 24.957

FEES FOR MOTORIZED MEANS OF TRANSPORT EMISSION INSPECTION

N°	CATEGORIES OF MOTORISED MEANS OF TRANSPORT SUBJECT TO INSPECTION	COST OF FIRST VISIT INCLUDING TAXES	PERIOD FOR CORRECTION OF DEFECTS AND FURTHER VISIT	COST OF FURTHER VISIT AFTER CORRECTION OF IDENTIFIED DEFECTS INCLUDING TAXES
1.	Motorcycles and other vehicles in the same category	FRW 16,638	Within two weeks from the date of the first visit	FRW 8,319
2.	Vehicles used for the transport of persons, with an authorized maximum weight of three and half tons, and equipped with no more than eight passenger seats in addition to the driver's seat	FRW 34,940	Within two weeks from the date of the first visit	FRW 17,470
3.	Automobile vehicles designed for the transportation of between nine and 18 passengers, excluding the driver	FRW 51,578	Within two weeks from the date of the first visit	FRW 25,789
4.	Automobile vehicles designed for the transportation of goods, with a loading capacity of more than one and half tons but not exceeding three and half tons	FRW 51,578	Within two weeks from the date of the first visit	FRW 25,789
5.	Automobile vehicles designed for the transportation of goods, with a loading capacity exceeding three and half tons but not exceeding five tons	FRW 51,578	Within two weeks from the date of the first visit	FRW 25,789
6.	Automobile vehicles designed for the transport of more than 18 but not more than 30 passengers, excluding the driver	FRW 51,578	Within two weeks from the date of the first visit	FRW 25,789
7.	Automobile vehicle designed for the transport of goods, with a loading	FRW 51,578	Within two weeks from the date of the first visit	FRW 25,789

Official Gazette n° 34 Bis of 25/08/2025

	capacity exceeding five tons but not exceeding seven tons			
8.	Automobile vehicles designed for the transportation of more than 30 passengers, excluding the driver	FRW 51,578	Within two weeks from the date of the first visit	FRW 25,789
9.	Automobile vehicles designed for the transportation of goods, with a loading capacity exceeding seven tons	FRW 51,578	Within two weeks from the date of the first visit	FRW 25,789
10.	Any other motor vehicle assigned to different duties.	FRW 49,914	Within two weeks from the date of the first visit	FRW 24,957

FRAIS D'INSPECTION DES ÉMISSIONS DES MOYENS DE TRANSPORT MOTORISÉS

N°	CATÉGORIES DES MOYENS DE TRANSPORT MOTORISÉS FAISANT L'OBJET D'INSPECTION	PRIX DE LA PREMIÈRE VISITE AVEC TAXES	PÉRIODE DE CORRECTION DE DÉFAUTS IDENTIFIÉS ET DE CONTRE-VISITE	PRIX DE CONTRE-VISITE APRÈS CORRECTION DES DÉFAUTS IDENTIFIÉS AVEC TAXES
1.	Motocycles et autres engins spéciaux du même niveau que les motocycles	16.638 FRW	Endéans deux semaines comptées à partir du jour de la première visite	8.319 FRW
2.	Véhicules destinés au transport de personnes, ayant un poids maximal autorisé de trois tonnes et demie et comportant, en plus du siège du conducteur, un maximum de huit sièges	34.940 FRW	Endéans deux semaines comptées à partir du jour de la première visite	17.470 FRW
3.	Véhicules automobiles affectés au transport de personnes, transportant de neuf à 18 personnes, à l'exclusion du siège du conducteur	51.578 FRW	Endéans deux semaines comptées à partir du jour de la première visite	25.789 FRW
4.	Véhicule automobiles conçu pour le transport de marchandises, d'une capacité de chargement supérieure à une tonne et demie mais ne dépassant pas trois tonnes et demie	51.578 FRW	Endéans deux semaines comptées à partir du jour de la première visite	25.789 FRW
5.	Véhicule automobile transportant des marchandises d'une capacité de chargement supérieur à trois tonnes et demie mais ne dépassant pas cinq tonnes	51.578 FRW	Endéans deux semaines comptées à partir du jour de la première visite	25.789 FRW
6.	Véhicules automobiles affectés au transport de personnes, transportant plus de 18 mais ne dépassant pas 30 passagers, à l'exclusion du siège du conducteur	51.578 FRW	Endéans deux semaines comptées à partir du jour de la première visite	25.789 FRW

7.	Véhicule automobile transportant des marchandises d'une capacité de chargement supérieur à cinq tonnes mais ne dépassant pas sept tonnes	51.578 FRW	Endéans deux semaines comptées à partir du jour de la première visite	25.789 FRW
8.	Véhicules automobiles affectés au transport de personnes, transportant plus de 30 passagers, à l'exclusion du siège du conducteur	51.578 FRW	Endéans deux semaines comptées à partir du jour de la première visite	25.789 FRW
9.	Véhicules automobiles transportant des marchandises dont la capacité de chargement dépasse sept tonnes	51.578 FRW	Endéans deux semaines comptées à partir du jour de la première visite	25.789 FRW
10.	Tout autre véhicule motorisé affecté à des fonctions différentes	49.914 FRW	Endéans deux semaines comptées à partir du jour de la première visite	24.957 FRW

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 005/MoE/25 ryo ku wa 25/08/2025 ryerekeye imyuka ihumanya yoherezwa mu kirere	Seen to be annexed to Ministerial Order n° 005/MoE/25 of 25/08/2025 relating to air pollutant emission	Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n° 005/MoE/25 du 25/08/2025 relatif à l'émission des polluants atmosphériques
--	---	---

Kigali, 25/08/2025

(sé)

Dr ARAKWIYE Bernadette

Minisitiri w'Ibidukikije
Minister of Environment
Ministre de l'Environnement

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux